REPUBULIKA Y'U RWANDA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora
B.P. 6449 **KIGALI**
Tél. : 252597800/801/802
Fax : 252597852
E-mail : comelena@rwanda1.com
WebSite : www.comelena.gov.rw

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO N°1/NEC/TRIM III/2009 RYO KUGURA "PIECES DE RECHANGE (SPARE PARTS) N'IMASHINI ZA "IMPRIMERIE"

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, buramenyesha abantu bose cyangwa Amasosiyeti bifuza kandi babifitiye ubushobozi, bujuje ibyangombwa byo gupiganira amasoko ya Leta ko bushaka gutanga isoko ryo kugura " **Piéces de rechange ou Spare Parts" n'imashini** byo muri "**IMPRIMERIE**".

Abifuza gupiganira iryo soko, bashobora kubona inyandiko ikubiyemo ibikenewe mu biro by'ubunyamabanga rusange bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, guhera ku wa kane taliki ya 22 /7/2009 ku Kimihurura , hamaze kwishyurwa amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frs) adasubizwa, kuri compte n° 120.12.91 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Abifuza gupiganira iryo soko barasabwa ibi bikurikira:

1- Ibaruwa yo gupiganira isoko;
2- Inyandiko zikubiyemo ibiciro zirimo imwe y'umwimerere na kopi zayo eshatu;
3- Fotokopi y'igitabo cy'uburenganzira bwo gucuruza ;

4- Icyemezo cy'umwimerere cyo kuba nta mwenda ufitiye ikigo cy'imisoro cyangwa fotokopi iriho umukono wa noteri; cyangwa icyemezo cy'umwimerere cy'imyenda y'imisoro gitangwa n' ikigo cy'imisoro cyangwa fotokopi iriho umukono wa noteri;

5- Icyemezo cy'umwimerere cyo kuba nta mwenda ufitiye ikigo cy'isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi cyangwa fotokopi iriho umukono wa noteri;

6- A. Ingwate y'ipiganwa ingana n'ibihumbi magana atanu (500.000 frw) ku isoko rya "Spare Parts";

B. Ingwate y'ipiganwa ingana n'ibihumbi ijana (100.000 frw) ku isoko ry'imashini;

Amabahasha akubiyemo ibiciro agomba kuba yagejejwe muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bitarenze taliki ya 24 KANAMA 2009 i saa tatu n'igice (9h30) za mu gitondo.

Gufungura amabahasha mu ruhame bizakorwa uwo munsi i saa yine za mu gitondo (10 h00'), uwo munsi mu cyumba cy'inama cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku Kimihurura.

Bikorewe i Kigali, ku wa 16/7/2009.

MUNYANEZA Charles

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.